| REPUBULIKA Y'U RWANDA<br><br>MINISITERI Y'IBIKORWA REMEZO<br>B.P 24 KIGALI | kwibuka23<br>kwibuka twiyubaka<br><br>Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi,<br>turwanya ingengabitekerezo ya Jenoside,<br>dushyigikira ibyiza twagezeho |
|---|---|

# ITANGAZO

MINISITERI Y'IBIKORWA REMEZO IRAMENYESHA ABAFITE ABABO BAKORAGA MU CYAHOZE ARI MINISITERI YA TRANSIPORO NO GUTUMANAHO (MINITRASCO) NDETSE NA MINISITERI Y'IMIRIMO YA LETA N'INGUFU (MINITRAPE),UBU ZAHURIJWE MURI MINISITERI Y'IBIKORWA REMEZO (MININFRA), KO ITARIKI YO KWIBUKA YARI ITEGANYIJWE YO KWIBUKA ABARI ABAKOZI MURI IZO MINISITERI ZOMBI BAKABA BARAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI MATA 1994.MU ITANGAZO RIHERUTSE YAHINDUTSE, AHO KUBA KU WA GATANU TARIKI YA **26/05/2017**, BIKAZAKORWA KUWA **KANE TARIKI YA 25/05/2017.**

IYO MIHANGO IZABERA KU CYICARO CYA MINISITERI Y'IBIKORWA REMEZO (MININFRA) KU KACYIRU GUHERA SAA KUMI N'IGICE ZA NIMUGOROBA AHAZABA IBIGANIRO BINYURANYE NDETSE N'UMUGOROBA WO KUNAMIRA IZO NZIRAKARENGANE.

MURI URWO RWEGO KANDI, MINISITERI IRAMENYESHA ABAFITE ABABO BAKORAGA MURI IZO MINISITERI ZOMBI BABA BAZI AMAKURU KU BANTU BAHAKORAGA N'ABASHOBORA KUBONA AMAFOTO YABO KO BABIGEZA KURI MININFRA MU BIRO BY'UBUNYAMABANGA RUSANGE (SECRETARIAT CENTRAL). BASHOBORA KANDI GUHAMAGARA KURI TELEFONI NUMERO **0788500756.**

TUBASHIMIYE UKWIHANGANIRA IMPINDUKA ZAGIYE ZIBA MU GUTEGANYA UYU MUNSI WO KWIBUKA.

MUGIRE AMAHORO.

MINISTRY OF INFRASTRUCTURE

**RWAKUNDA Christian**
**Umunyamabanga Uhoraho**